UMURYANGO W’ABIBUMBYE

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y’Insigarira y’Inkiko Mpanabyaha

MICT/22/Ihindurwa rya 1

20 Nyakanga 2026

Umwimerere: Icyongereza

AMABWIRIZA YEREKERANYE NO GUSEMURA INYANDIKO ZIKORESHWA MU MIRIMO IREBANA N’IMANZA MU RWEGO MPUZAMAHANGA RWASHYIRIWEHO GUKORA IMIRIMO Y’INSIGARIRA Y’INKIKO MPANABYAHA

(MICT/22/ Ihindurwa rya 1)

Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

Njyewe,

Gerefiye w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT")

Nshingiye kuri Sitati ya IRMCT ("Sitati") nk'uko yemejwe n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi mu Cyemezo cya 1966 (2010) cyo ku itariki ya 22 Ukuboza 2010, by'umwihariko Ingingo za 15, 18, 19 na 31;

Nshingiye kandi ku Mategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ("Amategeko") nk'uko yemejwe hakurikijwe ibiteganywa n'Ingingo ya 13 ya Sitati ndetse akagenda ahindurwa, by'umwihariko Ingingo ya 3 n'iya 31 zayo;

Maze kubijyaho inama na Perezida wa IRMCT;

Mpinduye aya Mabwiriza yerekeranye no gusemura inyandiko zikoreshwa mu mirimo irebana n'imanza muri IRMCT.

I. INTANGIRIRO

1. Aya Mabwiriza agenga isemura ry'inyandiko rikorwa n'Ibiro bya Gerefiye wa IRMCT ("Ibiro bya Gerefiye") mu rwego rw'imirimo yabyo yerekeranye n'imanza iteganywa na Sitati.

2. Bitewe n'uko Ishami ry'indimi rya IRMCT ("LSS") rifite abakozi bake no kuba hari inyandiko nyinshi abantu bifuza ko zisemurwa, aya Mabwiriza agamije kugena uburyo inyandiko zikeneye gusemurwa zose zisemurwa mu buryo bunoze kandi buhendutse, mu gihe gito ndetse no mu mucyo, kugira ngo IRMCT ishobore gukora imirimo yayo neza ndetse n'ababuranyi babashe gutanga ibimenyetso byabo mu rukiko mu gihe cy'iburanisha.

II. SERIVISE ZO GUSEMURA INYANDIKO

3. LSS ni yo ishinzwe gusemura inyandiko z'Ingereko, Ubwunganizi, Ibiro bya Porokireri n'Ibiro bya Gerefiye wa IRMCT. Indimi IRMCT ikoresha mu kazi ni icyongereza n'igifaransa. LSS isemura ibyiciro bibiri bikurikira by'inyandiko, izishyira muri rumwe cyangwa izirenze rumwe mu ndimi IRMCT ikoresha mu kazi cyangwa muri rumwe

cyangwa izirenze rumwe mu zindi ndimi[1]: (i) inyandiko zikenewe mu mirimo yerekeranye n'imanza (nk'urugero, inyandiko z'ibirego, amategeko n'ibyemezo bitangwa n'Ingereko, inyandiko z'imanza ndetse, n'igihe bishoboka, inyandiko zitangwa nk'ibimenyetso); na (ii) inyandiko zikenewe mu mirimo ya IRMCT. Aya Mabwiriza yerekeranye n'icyo cyiciro cya mbere, akagenga isemura ry'inyandiko zitangwa ku birebana n'imirimo yerekeranye n'imanza, akagena uburyo inyandiko zigomba gukurikirana mu isemura, n'uburyo bukurikizwa mu gusaba ko inyandiko zisemurwa.

4. Sitati yemerera umuntu uregwa "kumenyeshwa bidatinze, mu rurimi yumva kandi mu buryo burambuye, imiterere y'ibyaha aregwa n'impamvu bashingiraho bamurega"[2]. Iyo atumva ururimi na rumwe mu zo IRMCT ikoresha mu kazi, ashobora gusemurirwa, mu rurimi rwe, inyandiko z'ingenzi harimo n'inyandiko z'ibirego, amategeko n'ibyemezo byatanzwe ndetse n'inyandiko z'imanza[3]. Iyo umuntu uregwa yiburanira kandi akaba atumva icyongereza ntiyumve n'igifaransa, ubusanzwe LSS isemura inyandiko nyinshi kurushaho kandi mu bizirikanwa harimo uburenganzira bw'abandi bantu baregwa n'ubushobozi LSS ifite.

5. Iyo umuburanyi asabye ko ikimenyetso runaka gisemurwa mu rundi rurimi rutari mu zo IRMCT ikoresha mu kazi (nk'urugero, hagamijwe kubaza umutangabuhamya) kandi hakaba nta tegeko ryerekeranye na byo ryatanzwe n'Urugereko, LSS ibanza kugeza icyo kibazo ku munyamategeko w'Ibiro bya Gerefiye ubishinzwe Arusha cyangwa i Lahe kugira ngo agisuzume. Iyo hakenewe ko biganirwaho byisumbuye, LSS ishyikiriza icyo kibazo umuntu ukuriye uwo munyamategeko maze akaba ari we wemera cyangwa wanga icyo cyifuzo nyuma yo kugisha inama umuyobozi wa LSS. Icyemezo nk'icyo gishobora gusubirwamo n'urwego rw'ubuyobozi bireba, hakurikijwe ibikwiye gukorwa.

6. Bitewe n'uko ubushobozi bwa LSS ari buke, umuburanyi wese uteganya gutanga inyandiko runaka nk'ibimenyetso afite inshingano yo gushakisha inyandiko zamaze gusemurwa (cyangwa iz'umwimerere) kandi zitari ibanga.

7. LSS ntisemura inyandiko nini cyane, nk'urugero, ibitabo. Ibyifuzo bisaba ko inyandiko nk'izo zisemurwa bigomba kugaragaza, muri izo nyandiko, ibice bikenewe byonyine,

[1] Izindi ndimi zikunze gukoreshwa muri IRMCT ni ikibosiniya/igikorowate/igiseribe n'ikinyarwanda.
[2] Sitati, Ingingo ya 19(4)(a).
[3] LSS isemura kandi inyandiko zose zisabwe n'Umucamanza, Ingereko cyangwa Perezida ziteganywa n'Amategeko.

bizatangwa nk'ibimenyetso.

8. Imirimo yo gusemura inyandiko ikorwa na buri shami hashingiwe ku bushobozi bwaryo mu byerekeranye n'abakozi n'andi mikoro ndetse n'ibyo abo bakozi bafite ubushobozi bwo gukora.

III. UKO INYANDIKO ZIGOMBA GUKURIKIRANA MU ISEMURA

9. Imigereka A na B y'aya Mabwiriza iriho urutonde rw'ubwoko bw'inyandiko LSS isemura mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza IRMCT iburanisha kuri buri shami ryayo. Iyo migereka inagaragaza uko izo nyandiko zigomba gukurikirana mu isemura hakurikijwe uko zihutirwa[4]. Inyandiko zo mu rwego rwa I zisemurwa mbere y'izindi zose naho izo mu rwego rwa II zigasemurwa mbere y'izo mu rwa III maze bigakomeza gutyo.

10. Haseguriwe amategeko, ayo ari yose, yatangwa n'Urugereko ngo akurikizwe, Ibiro bya Gerefiye bifite ububasha busesuye bwo kwemera ko inyandiko zitari muri iyo Migereka zisemurwa, cyangwa gutegeka ko zisemurwa zikurikiranye mu buryo butandukanye n'ubusanzwe bukurikizwa. Mu nyandiko bireba harimo n'iziba zikenewe mu mirimo yo mu cyiciro cya nyuma y'uko uregwa yamaze gukatirwa cyangwa iy'ubugenzuzi bw'imanza zimuriwe mu nkiko z'ibihugu.

11. Iyo hari urujijo mu kumenya uko inyandiko zigomba gukurikirana mu isemura cyangwa iyo zihutirwa kimwe, umuyobozi wa LSS agisha inama umunyamategeko w'Ibiro bya Gerefiye ubishinzwe Arusha cyangwa i Lahe. Iyo hakenewe ko biganirwaho byisumubuye, icyo kibazo gishyikirizwa umuyobozi ukuriye uwo munyamategeko kugira ngo agikemure amaze kugisha inama umuyobozi wa LSS.

IV. IBIKURIKIZWA MU GUSABA KO INYANDIKO ZISEMURWA

12. Mu gusaba ko inyandiko isemurwa, hagomba kugaragazwa ibikurikira:

    a. Amazina y'ubisaba n'urwego akoreramo (Ingereko, Ibiro bya Porokireri cyangwa cyangwa Ibiro bya Gerefiye) cyangwa Ubwunganizi;

    b. Ishami rya IRMCT rikeneye inyandiko isemuye;

[4] Imigereka A na B igaragaza, muri rusange, ubwoko bw'inyandiko zisemurwa. Cyakora, inyandiko zivugwa ni ingero gusa, si zose.

c. Nomero y'urubanza rurebwa n'iyo nyandiko, niba ruhari;

d. Umutwe w'inyandiko igomba gusemurwa;

e. Urwego iyo nyandiko irimo hakurikijwe uburyo inyandiko zigomba gukurikirana mu isemura[5];

f. Itariki ubisaba yifuza kuboneraho inyandiko yasemuwe; na

g. Andi makuru yagira akamaro mu gusemura iyo nyandiko.

13. Ibihe ntarengwa mu gusemura inyandiko zerekeranye n'imanza bigenwa hashingiwe ku ngengabihe y'amaburanisha ya IRMCT kandi abasaba ko inyandiko zisemurwa bagomba guteganya igihe gishyize mu gaciro kugira ngo LSS ibashe gukora akazi kayo. Iyo inyandiko ikeneye gusemurwa byihutirwa, ni ngombwa kubitangira ibisobanuro birambuye mu mwanya wabigenewe kuri fomu yuzuzwa n'usaba ko iyo nyandiko isemurwa.

14. Abasaba ko hasemurwa inyandiko zifite amapaje arenga 100 cyangwa abifuza ko inyandiko isemuye iboneka mu gihe kiri munsi y'ukwezi bagomba kubivuganaho na LSS mbere yo kohereza ubusabe bwabo, kugira ngo babanze bumvikane ku gihe ntarengwa inyandiko yabonekera.

15. Iyo ibonye ubusabe bwo gusemura inyandiko, LSS ibanza gusuzuma niba: (i) yarigeze gusemura iyo nyandiko; kandi niba (ii) ku birebana n'uburyo inyandiko zigomba gukurikirana mu isemura, utanze ubusabe yarayishyize mu rwego rukwiye nk'uko biteganywa mu Mugereka w'aya Mabwiriza werekeranye na byo.

16. Iyo LSS yigeze gusemura iyo nyandiko:

a. mu gihe usaba ari na we yasemuriwe mbere, LSS irayimusubiza ikanamubwira nomero y'inyandiko isemuye;

b. kandi ikaba itari ibanga, LSS yoherereza utanze ubusabe inyandiko isemuye; cyangwa

c. mu gihe usaba atandukanye n'uwo inyandiko yasemuriwe mbere kandi ikaba ari ibanga, LSS isubira mu nyandiko isemuye, byaba ngombwa ikayigereranya n'iyo nyandiko nshya maze ikohereza inyandiko isemuye uwatanze ubusabe ariko yahawe irindi zina, hagamijwe kugira ibanga abo bantu bombi basabye, mu bihe bitandukanye,

[5] *Reba* Imigereka A na B.

ko iyo nyandiko isemurwa.

17. Iyo ubusabe bwo gusemura inyandiko butanzwe hakurikijwe ibiteganywa n'aya Mabwiriza, LSS yemeza ko izubahiriza igihe ntarengwa, igasemura iyo nyandiko maze ikohereza inyandiko isemuye uwatanze ubusabe. Ku bundi busabe bwose, LSS ifite ububasha bwo kuba yasubiza inyandiko uwasabye ko isemurwa cyangwa ikajya inama na we kugira ngo hasobanurwe neza urwego iyo nyandiko ishyirwamo ku birebana n'uburyo inyandiko zigomba gukurikirana mu isemura cyangwa ibindi bisabwa.

UMUGEREKA A – UKO INYANDIKO ZIGOMBA GUKURIKIRANA MU ISEMURA KU ISHAMI RY'ARUSHA

Inyandiko z'icyongereza zisemurwa mu gifaransa	
Urwego rwa I	- Inyandiko z'ibirego - Inzandiko zo gufata - Amategeko yo kwitaba Urukiko n'amategeko y'Ingereko asaba abo bireba gutanga urwandiko rw'inzira, iyo agenewe abayobozi bavuga igifaransa - Inyandiko zo mu Biro bya Perezida cyangwa ibya Gerefiye zijyanye n'imirimo yerekeranye n'imanza - Amabaruwa yo mu rwego rw'akazi yandikiwe abayobozi bavuga igifaransa, mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza - Ibyemezo cyangwa amategeko byatanzwe mu manza zirimo abavoka bavuga igifaransa - Ibyemezo cyangwa amategeko bigenewe abayobozi bavuga igifaransa cyangwa birebana, mu buryo butaziguye, n'igihugu kivuga igifaransa - Inyandiko z'imanza, iyo abantu baregwa cyangwa bakatiwe bavuga igifaransa cyangwa iyo igihano kigomba kurangirizwa mu gihugu kivuga igifaransa - Inyandiko z'imanza, ibyemezo cyangwa amategeko by'ingereko bikenewe n'umuburanyi mu bujurire - Inyandiko z'Urukiko zikenewe n'umuntu uregwa wiburanira kugira ngo asobanukirwe imiterere y'ibyaha aregwa n'impamvu bashingiraho bamurega cyangwa izindi nyandiko zigomba kumenyekanishwa mu gihe runaka, hamwe n'inyandiko z'Urukiko zikenewe ngo uregwa wiburanira abashe kugira uruhare rwuzuye mu rubanza rwe - Inyandiko zo mu kazi zitangwa n'Abacamanza mu mirimo yerekeranye n'imanza
Urwego rwa II	- Ibyemezo cyangwa amategeko byajuririwe - Izindi nyandiko z'Ingereko - Ibyifuzo n'izindi nyandiko by'ababuranyi - Amategeko IRMCT igenderaho

Urwego rwa III	- Inyandiko z'Urukiko zikenewe ngo umuntu wahamwe n'icyaha yitegure ibikorwa nyuma y'uko ahamwe n'icyaha - Izindi nyandiko z'imanza - Amaraporo y'abatangabuhamya b'impuguke n'izindi nyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso - Izindi nyandiko zo mu Biro bya Perezida, mu Ngereko cyangwa mu Biro bya Gerefiye zikenewe mu mirimo yerekeranye n'imanza
Urwego rwa IV	- Ibyemezo cyangwa amategeko bitajuririwe

Inyandiko z'igifaransa zisemurwa mu cyongereza	
Urwego rwa I	- Inyandiko z'ibirego - Inzandiko zo gufata - Amategeko yo kwitaba Urukiko n'amategeko y'Ingereko asaba abo bireba gutanga urwandiko rw'inzira, iyo agenewe abayobozi batavuga igifaransa - Inyandiko zo mu Biro bya Perezida cyangwa ibya Gerefiye zikenewe mu mirimo yerekeranye n'imanza - Amabaruwa yo mu rwego rw'akazi yandikwa n'abayobozi bavuga igifaransa, mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza - Ibyemezo cyangwa amategeko byatanzwe mu manza zirimo abavoka bavuga icyongereza - Ibyemezo cyangwa amategeko bigenewe abayobozi batavuga igifaransa cyangwa birebana, mu buryo butaziguye, n'igihugu kitavuga igifaransa - Inyandiko z'imanza, iyo hitezwe ko igihano kizarangirizwa mu gihugu kitavuga igifaransa - Inyandiko z'imanza, ibyemezo cyangwa amategeko byatanzwe kandi bikenewe n'umuburanyi mu bujurire - Inyandiko z'abantu baregwa biburanira cyangwa amabaruwa bandikiye Perezida, Ingereko cyangwa Gerefiye mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza - Inyandiko zo mu kazi zitangwa n'Abacamanza bavuga igifaransa mu mirimo y'iburanisha
Urwego rwa II	- Ibyemezo cyangwa amategeko byajuririwe - Izindi nyandiko z'Ingereko

	- Ibyifuzo n'izindi nyandiko by'ababuranyi - Amategeko IRMCT igenderaho
Urwego rwa III	- Inyandiko z'Urukiko zikenewe ngo umuntu wahamwe n'icyaha yitegure ibikorwa nyuma y'uko ahamwe n'icyaha - Izindi nyandiko z'imanza - Amaraporo y'abatangabuhamya b'impuguke n'izindi nyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso - Izindi nyandiko zo mu Biro bya Perezida, mu Ngereko cyangwa mu Biro bya Gerefiye zikenewe mu mirimo yerekeranye n'imanza
Urwego rwa IV	- Ibyemezo cyangwa amategeko bitajuririwe

Inyandiko z'ikinyarwanda zisemurwa mu cyongereza cyangwa mu gifaransa	
Urwego rwa I	- Amabaruwa yo mu rwego rw'akazi abayobozi bo mu Rwanda bandikira Perezida, Ingereko cyangwa Ibiro bya Gerefiye mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza - Amaraporo yo kwa muganga yerekeranye n'abafungwa cyangwa abantu bahamwe n'icyaha ndetse n'amabaruwa bandika. - Inyandiko zihutirwa zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu buhamya bw'abatangabuhamya basigaje iminsi mike ngo bitabe Urukiko (Inyandiko ngufi cyangwa ibice byazo ni byo byonyine bishobora kwakirwa ngo bisemurwe mu buryo bwihutirwa) - Inyandiko zihutirwa zikenewe mu rwego rwo kubahiriza ibihe ntarengwa biteganywa n'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso cyangwa zitegetswe, by'umwihariko, mu cyemezo cyangwa itegeko by'Urugereko - Inyandiko z'abaregwa biburanira cyangwa amabaruwa bandikira Perezida, Ingereko, cyangwa Gerefiye mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza
Urwego rwa II	- Izindi nyandiko zikenewe mu rwego rwo kubahiriza ibihe ntarengwa biteganywa n'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso cyangwa zitegetswe, by'umwihariko, mu cyemezo cyangwa itegeko by'Urugereko - Inyandiko zijyanye n'ibazwa ry'abatangabuhamya

	- Inyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu manza zirimo kuburanishwa
Urwego rwa III	- Inyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu manza ziri hafi kuburanishwa, zashyiriweho itariki yo gutangira - Amabaruwa yandikwa n'abantu bavuga ikinyarwanda mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza - Izindi nyandiko zo mu Biro bya Perezida, mu Ngereko cyangwa mu Biro bya Gerefiye zikenewe mu mirimo yerekeranye n'imanza - Amabaruwa yo mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza yandikwa n'abantu baregwa mu manza zimuriwe mu nkiko z'ibihugu
Urwego rwa IV	- Inyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu manza zitarashyirirwaho itariki yo gutangira

Inyandiko z'icyongereza cyangwa z'igifaransa zisemurwa mu kinyarwanda	
Urwego rwa I	- Inzandiko zo gufata - Inyandiko z'ibirego - Amategeko yo kwitaba Urukiko n'amategeko y'Ingereko ategeka abo bireba gutanga urwandiko rw'inzira - Amabaruwa yo mu rwego rw'akazi Ibiro bya Perezida, Ingereko cyangwa Ibiro bya Gerefiye byandikira abayobozi bo mu Rwanda mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza - Ibisubizo ku maraporo yo kwa muganga yerekeranye n'abafungwa cyangwa abantu bahamwe n'icyaha ndetse n'amabaruwa bandika - Inyandiko zihutirwa zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu buhamya bw'abatangabuhamya basigaje iminsi mike ngo bitabe Urukiko (Inyandiko ngufi cyangwa ibice byazo ni byo byonyine bishobora kwakirwa ngo bisemurwe mu buryo bwihutirwa) - Inyandiko zihutirwa zikenewe mu kubahiriza ibihe ntarengwa biteganywa n'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso cyangwa zitegetswe, by'umwihariko, mu cyemezo cyangwa itegeko by'Urugereko - Inyandiko z'imanza, ibyemezo cyangwa amategeko byatanzwe kandi bikenewe, mu bujurire, n'abaregwa biburanira batavuga icyongereza n'abatavuga igifaransa

	- Inyandiko z'Urukiko zikenewe ngo umuntu uregwa wiburanira asobanukirwe n'imiterere y'ibyaha aregwa n'impamvu bashingiraho bamurega cyangwa izindi nyandiko zigomba kuboneka mu gihe runaka, ndetse n'inyandiko z'Urukiko zikenewe ngo umuntu uregwa wiburanira abashe kugira uruhare rwuzuye mu rubanza rwe.
Urwego rwa II	- Izindi nyandiko zikenewe mu rwego rwo kubahiriza ibihe ntarengwa biteganywa n'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso cyangwa zitegetswe by'umwihariko mu cyemezo cyangwa itegeko by'Urugereko - Ibyemezo cyangwa amategeko byajuririwe - Inyandiko zijyanye n'ibazwa ry'abatangabuhamya - Inyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu manza zirimo kuburanishwa - Amaraporo y'ubugenzuzi mu manza zimuriwe mu nkiko z'ibihugu
Urwego rwa III	- Inyandiko z'imanza, ibyemezo cyangwa amategeko by'Ingereko bikenewe n'umuburanyi ufite avoka umwunganira, kugira ngo bikoreshwe mu bujurire - Inyandiko z'Urukiko zikenewe ngo umuntu wahamwe n'icyaha yitegure ibikorwa nyuma y'uko ahamwe n'icyaha - Inyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu manza ziri hafi kuburanishwa, zashyiriweho itariki yo gutangira. - Amabaruwa yandikirwa abantu bavuga ikinyarwanda mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza - Izindi nyandiko zo mu Biro bya Perezida, mu Ngereko cyangwa mu Biro bya Gerefiye zikenewe mu mirimo yerekeranye n'imanza - Amategeko IRMCT igenderaho
Urwego rwa IV	- Ibyemezo cyangwa amategeko by'Ingereko, bitajuririwe - Inyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu manza zitarashyirirwaho itariki yo gutangira

Inyandiko zo mu zindi ndimi zisemurwa mu cyongereza cyangwa mu gifaransa	
Urwego rwa I	- Inyandiko zasabwe n'Ingereko - Ibyemezo cyangwa amadosiye byo kwa muganga bisabwe n'Ingereko
Urwego rwa II	- Inyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso

UMUGEREKA B – UKO INYANDIKO ZIGOMBA GUKURIKIRANA MU ISEMURA KU ISHAMI RY'I LAHE

Inyandiko z'icyongereza zisemurwa mu gifaransa	
Urwego rwa I	- Inyandiko z'ibirego - Inzandiko zo gufata - Amategeko yo kwitaba Urukiko n'amategeko y'Ingereko asaba abo bireba gutanga urwandiko rw'inzira iyo agenewe abayobozi batavuga igifaransa - Inyandiko zo mu Biro bya Perezida cyangwa ibya Gerefiye zikenewe mu mirimo yerekeranye n'imanza - Amabaruwa yo mu rwego rw'akazi yandikwa n'abayobozi bavuga igifaransa, mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza - Ibyemezo cyangwa amategeko byatanzwe mu manza zirimo abavoka bavuga igifaransa - Ibyemezo cyangwa amategeko bigenewe abayobozi bavuga igifaransa cyangwa birebana, mu buryo butaziguye, n'igihugu kivuga igifaransa - Inyandiko z'imanza, iyo hitezwe ko igihano kizarangirizwa mu gihugu gikoresha igifaransa - Inyandiko z'imanza, ibyemezo, cyangwa amategeko by'Ingereko bikenewe n'umuburanyi mu bujurire - Inyandiko zo mu kazi zatanzwe n'Abacamanza mu mirimo yerekeranye n'imanza
Urwego rwa II	- Ibyemezo cyangwa amategeko byajuririwe - Izindi nyandiko zaturutse mu Ngereko - Ibyifuzo n'izindi nyandiko bitangwa n'ababuranyi - Amategeko IRMCT igenderaho
Urwego rwa III	- Inyandiko z'Urukiko zikenewe ngo umuntu wahamwe n'icyaha yitegure ibikorwa nyuma y'uko ahamwe n'icyaha - Izindi nyandiko z'imanza - Amaraporo y'abatangabuhamya b'impuguke n'izindi nyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso - Izindi nyandiko zo mu Biro bya Perezida, mu Ngereko cyangwa mu Biro bya Gerefiye zikenewe mu mirimo yerekeranye n'imanza

Urwego rwa IV	- Ibyemezo cyangwa amategeko bitajuririrwe

Inyandiko z'igifaransa zisemurwa mu cyongereza	
Urwego rwa I	- Inyandiko z'ibirego - Inzandiko zo gufata - Amategeko yo kwitaba Urukiko n'amategeko y'Ingereko asaba abo bireba gutanga urwandiko rw'inzira, iyo agenewe abayobozi batavuga igifaransa cyangwa ikibosiniya, igikorowate cyangwa igiseribe - Inyandiko zo mu Biro bya Perezida cyangwa ibya Gerefiye zikenewe mu mirimo yerekeranye n'imanza - Amabaruwa yo mu rwego rw'akazi yandikwa n'abayobozi bavuga igifaransa mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza - Ibyemezo cyangwa amategeko byatanzwe mu manza zirimo abavoka bavuga icyongereza - Ibyemezo cyangwa amategeko bigenewe abayobozi batavuga igifaransa cyangwa ikibosiniya, igikorowate cyangwa igiseribe cyangwa birebana, mu buryo butaziguye, n'igihugu kitavuga igifaransa cyangwa kitavuga ikibosiniya, igikorowate cyangwa igiseribe - Inyandiko z'imanza, iyo hitezwe ko igihano kizarangirizwa mu gihugu kitavuga igifaransa - Inyandiko zo mu kazi zitanzwe n'Abacamanza mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza - Inyandiko z'imanza, ibyemezo cyangwa amategeko by'Ingereko bikenewe n'umuburanyi mu bujurire - Inyandiko z'Urukiko zikenewe n'Uregwa wiburanira kugira ngo asobanukirwe imiterere y'ibyaha aregwa n'impamvu bashingiraho bamurega, cyangwa izindi nyandiko zigomba kumenyekanishwa mu gihe runaka, n'inyandiko z'Urukiko zikenewe ngo uregwa wiburanira abashe kugira uruhare rwuzuye mu rubanza rwe.
Urwego rwa II	- Ibyemezo cyangwa amategeko byajuririwe - Izindi nyandiko zatanzwe n'Ingereko - Ibyifuzo n'izindi nyandiko bitanzwe n'ababuranyi - Amategeko IRMCT igenderaho

Urwego rwa III	- Inyandiko z'Urukiko zikenewe ngo umuntu wahamwe n'icyaha yitegure ibikorwa nyuma y'uko ahamwe n'icyaha - Izindi nyandiko z'imanza - Amaraporo y'abatangabuhamya b'impuguke n'izindi nyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso - Izindi nyandiko zoe mu Biro bya Perezida, mu Ngereko cyangwa mu Biro bya Gerefiye zikenewe mu mirimo yerekeranye n'imanza
Urwego rwa IV	- Ibyemezo cyangwa amategeko bitajuririwe

Inyandiko ziri mu kibosiniya, igikorowate cyangwa igiseribe zisemurwa mu cyongereza cyangwa mu gifaransa	
Urwego rwa I	- Amabaruwa yo mu rwego rw'akazi abayobozi bo mu Cyahoze ari Yugosolaviya bandikira Perezida, Ingereko cyangwa Ibiro bya Gerefiye mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza - Amaraporo yo kwa muganga yerekeranye n'abafungwa cyangwa abantu bahamwe n'icyaha ndetse n'amabaruwa bandika - Inyandiko zihutirwa zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu buhamya bw'abatangabuhamya basigaje iminsi mike ngo bitabe Urukiko (Inyandiko ngufi cyangwa ibice byazo ni byo byonyine bishobora kwakirwa kugira ngo bisemurwe mu buryo bwihutirwa) - Inyandiko zihutirwa zikenewe mu kubahiriza ibihe ntarengwa biteganywa n'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso cyangwa zitegetswe, by'umwihariko, mu cyemezo cyangwa itegeko by'Urugereko - Inyandiko z'abantu baregwa biburanira cyangwa amabaruwa bandikira Perezida, Ingereko cyangwa Gerefiye mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza
Urwego rwa II	- Izindi nyandiko zikenewe mu rwego rwo kubahiriza ibihe ntarengwa biteganywa n'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso cyangwa zitegetswe, by'umwihariko, mu cyemezo cyangwa itegeko by'Urugereko - Inyandiko zijyanye n'ibazwa ry'abatangabuhamya - Inyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu manza zirimo kuburanishwa

Urwego rwa III	- Inyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu manza ziri hafi kuburanishwa, zashyiriweho itariki yo gutangira - Amabaruwa yandikwa n'abavuga ikibosiniya, igikorowate cyangwa igiseribe mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza - Izindi nyandiko zo mu Biro bya Perezida, mu Ngereko cyangwa mu Biro bya Gerefiye zikenewe mu mirimo yerekeranye n'imanza
Urwego rwa IV	- Inyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu manza zitarashyirirwaho itariki yo gutangira

Inyandiko z'icyongereza cyangwa z'igifaransa zisemurwa mu kibosiniya, igikorowate cyangwa igiseribe	
Urwego rwa I	- Inzandiko zo gufata - Inyandiko z'ibirego - Amategeko yo kwitaba Urukiko n'amategeko y'Ingereko asaba abo bireba gutanga urwandiko rw'inzira - Amabaruwa yo mu rwego rw'akazi Ibiro bya Perezida, Ingereko cyangwa Ibiro bya Gerefiye byandikira abayobozi bo mu Cyahoze ari Yugosilaviya mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza - Ibisubizo ku maraporo yo kwa muganga yerekeranye n'abafungwa cyangwa abantu bahamwe n'icyaha ndetse n'amabaruwa bandika - Inyandiko zihutirwa zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu buhamya bw'abatangabuhamya basigaje iminsi mike ngo bitabe Urukiko (Inyandiko ngufi cyangwa ibice byazo ni byo byonyine bishobora kwakirwa kugira ngo bisemurwe mu buryo bwihutirwa) - Inyandiko zihutirwa zikenewe mu kubahiriza ibihe ntarengwa biteganywa n'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso cyangwa zitegetswe, by'umwihariko, mu cyemezo cyangwa itegeko by'Urugereko - Inyandiko z'imanza, ibyemezo cyangwa amategeko by'Ingereko, bikenewe n'umuntu uregwa wiburanira utavuga icyongereza cyangwa igifaransa, kugira ngo bikoreshwe mu bujurire - Inyandiko z'Urukiko zikenewe ngo umuntu uregwa wiburanira asobanukirwe imiterere y'ibyaha aregwa n'impamvu bashingiraho bamurega cyangwa izindi nyandiko zigomba kubahiriza ibihe runaka,

	ndetse n'inyandiko z'Urukiko zikenewe ngo umuntu uregwa wiburanira abashe kugira uruhare rwuzuye mu rubanza rwe.
Urwego rwa II	- Izindi nyandiko zikenewe mu kubahiriza ibihe ntarengwa biteganywa n'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso cyangwa zitegetswe, by'umwihariko, mu cyemezo cyangwa itegeko by'Urugereko - Ibyemezo cyangwa amategeko byajuririwe - Inyandiko zerekeranye n'ibazwa ry'abatangabuhamya - Inyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu manza zirimo kuburanishwa
Urwego rwa III	- Inyandiko z'Urukiko zikenewe ngo umuntu wahamwe n'icyaha yitegure ibikorwa nyuma y'uko ahamwe n'icyaha - Inyandiko z'imanza, ibyemezo cyangwa amategeko by'Urugereko bikenewe bikenewe n'umuburanyi ufite avoka umwunganira, kugira ngo bikoreshwe mu bujurire - Inyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu manza ziri hafi kuburanishwa, zashyiriweho itariki yo gutangira - Amabaruwa yandikirwa abavuga ikibosiniya, igikorowate cyangwa igiseribe mu rwego rw'imirimo yerekeranye n'imanza - Izindi nyandiko zo mu Biro bya Perezida, mu Ngereko cyangwa mu Biro bya Gerefiye zikenewe mu mirimo yerekeranye n'imanza - Amategeko IRMCT igenderaho
Urwego rwa IV	- Ibyemezo cyangwa amategeko bitajuririwe - Inyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso mu manza zitarashyirirwaho itariki yo gutangira

Inyandiko zo mu zindi ndimi zisemurwa mu cyongereza cyangwa mu gifaransa	
Urwego rwa I	- Inyandiko zasabwe n'Ingereko - Ibyemezo cyangwa amadosiye byo kwa muganga bisabwe n'Ingereko
Urwego rwa II	- Inyandiko zigomba gutangwa nk'ibimenyetso